**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**

# IJAMBO MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA AZAGEZA KURI BA RWIYEMEZAMIRIMO BAKORANA NA MINIJUST TARIKI YA 27/12/2017

Madamu Munyamabanga Uhoraho;

Ba Rwiyemezamirimo mufitanye amasezerano na Leta muteraniye hano;

Mbanje kubasuhuza no kubashimira kubera ko mwitabiriye inama twabatumiyemo kugira ngo tuganire ku byatuma turushaho kunoza imirimo dushinzwe kugira ngo Igihugu cyacu kirusheho gutera imbere twese tubigizemo uruhare.

Nk'uko twese tubizi kandi tubyibuka, Raporo ya Banki y'Isi iheruka yashyize u Rwanda ku mwanya wa kabiri muri Afurika, mu bihugu byoroshya ishoramari n'ubucuruzi;

Iyi raporo yashyizwe ahagaragara tariki 25 Ukwakira 2016, yagaragaje ko u Rwanda ruza ku mwanya wa kabiri rukurikiye Ibirwa bya Mauritius. U Rwanda ruri ku mwanya wa 56 ku rwego rw'isi.

Iyi raporo ya 2017 ibaye ku nshuro ya 14, aho iba isuzuma amabwiriza n'ibisabwa kugira ngo mu gihugu runaka umuntu atangire "Business".

Muri ibyo harimo kureba uko umuntu yoroherezwa gutangira "Business", guhabwa ibyangombwa byo kubaka, kugezwaho amashanyarazi, kwandikisha umutungo, kubona inguzanyo, kurinda abashoramari baciriritse n'ibindi birimo kwishyura imisoro. Harebwa igihe ibi byose bifata kugira ngo "Business" ibe yatangiye.

Iyi raporo yagaragaje ko igice cy'inganda cyateye imbere mu buryo bugaragara. Mu gutanga inguzanyo u Rwanda rushyirwa ku mwanya wa mbere ku isi, naho kwandikisha ubutaka u Rwanda ruza ku mwanya wa kane ku rwego rw'isi. Iterambere ryavuzwe muri iyi raporo mu nganda rigamije kwagura amahirwe mu rwego rwo kongera ubukungu burambye.

Ibiganiro hagati y'abashoramari (Rwiyemezamirimo) n'inzego za Leta rero bizarushaho kumenyekanisha ibyo abashoramari bakeneye kandi bigatuma Leta ibibafashamo. Iyo umushoramari yemeranya n'uburyo bw'ishoramari mu Rwanda, ayo makuru atuma tugendera ku bitekerezo byabo kugira ngo imikorere n'imikoranire irusheho kugenda neza, kandi nabo bahuze ibyo bakora na gahunda nkuru z'Igihugu.

Uruhare rwa “Private Sector” rurakenewe cyane kugira ngo intumbero igihugu cyacu cyihaye izagerweho.  Private sector ariko ntiyabigeraho ubwayo.  Hagomba ubufatanye n’izindi nzego.

Mudufasha muri byinshi kandi byiza kugira ngo akazi dushinzwe kagende neza. Ibyo byiza ntabwo twakomeza kubyihererana,  akaba ariyo mpamvu twatekereje kubatumira muri iyi nama  kugira ngo tubashimire  ariko kandi ube n’umwanya wo kuganira ku byatuma imikorere n’imikoranire hagati yacu irushaho kugenda neza.

Icyakora, akariho karavugwa, nkurikije uko twakoranye mu minsi ishize, hari abaduhaye serivisi nziza cyane, abaduhaye servisi nziza, abagerageza, abo duterefona ntibitabe, abaduha imodoka zitameze neza bigatuma tudaha serivisi nziza kandi yihuse abaturage dukorera. Hari n’abo bidusaba kwibutsa kenshi kutugemurira no kudukorera imirimo twabasabye kubera ko tuba tubona bari kurenza igihe twumvikanyeho. Hari kandi n’abaduha gahunda ntibayubahirize kandi muzi ko igihe ari amafaranga ndetse iyo gitakaye kitagaruka.

Birashoboka ko natwe haba hari ibyo mubona tutanoza neza mu nshingano zacu n’ubwo dukora ibishoboka byose ngo twubahirize amasezerano, ariko uyu ni umwanya wo kuganira ngo turusheho kunoza imikoranire yacu.

Ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano;

“Private Sector” ni  imwe mu nkingi za mwamba z’iterambere ry’Igihugu cyacu kandi tuzi neza ko  ntacyagerwaho  mutabigizemo uruhare.

Guhitamo ibitubereye bidufasha kwihutisha iterambere, gusegasira no kurinda ibyagezweho no guteza imbere ibikorerwa iwacu mu Rwanda (Made in Rwanda). Made in Rwanda iri mu bintu Leta yacu ishyize imbere kubera ko tuyitezeho inyungu nyinshi. Ibi bizatuma haboneka imirimo cyane cyane mu rubyiruko, umusaruro w'ibyo dukora n'ibyoherezwa hanze byiyongere. Ibi kandi nibyo bizatuma tugera ku ntego Leta yihaye y'intumbero ya 2050. Ibi ariko bikwiye gukorwa ku buryo bitabangamira ubuziranenge n'ubudakemwa bw'ibicuruzwa. Twese tuzi umugani nyarwanda uvuga ko "Akeza kigura". Ni uruhare rwacu twese rero mu guhindura imyumvire y'Abanyarwanda muri byose, bagakomeza kugira umuco wo guha agaciro no gukoresha ibikorerwa iwacu mu rwego rwo kugabanya ibyinjira mu Gihugu.

Ndangije mbashishikariza gukomeza gutanga serivisi nziza kandi yihuse ku babagana bose no kunoza ibyo mukora hagamijwe guhangana n'abandi ba Rwiyemezamirimo muhuriye ku isoko ry'umurimo muri aka Karere dutuyemo ka EAC, ku rwego rwa Afurika no ku isi yose.

Ku ruhande rwacu, Minisiteri y'Ubutabera izakomeza kubahiriza ibikubiye mu masezerano mwashyizeho umukono. Turabasaba ko namwe mwakurikiza ingingo zose z'amasezerano dufitanye. Minisiteri y'Ubutabera kandi izi neza ko hari igihe kwishyurwa bishobora gutinda ku mpamvu zinyuranye. Tuzirikana ko kwishyurwa vuba bibafasha kwishyura inguzanyo muba mwarafashe mu ma Banki anyuranye mukorana bikabarinda inyungu z'ubukererwe ku nguzanyo zitinda kwishyurwa, guhembera abakozi igihe, kubona amafaranga mukoresha mu kazi no mu mirimo yanyu n'ibindi.

Tuzakomeza gukora ku buryo tubishyurira igihe. Turabasaba ariko ko ku ruhande rwanyu dosiye zisaba kwishyurwa zajya ziza zuzuye nk'uko biteganywa.

Dukomeze gufatana urunana mu kwiyubakira Igihugu.

Mukomeze mugire ibihe byiza.

---